

# IMBARAGA Y'UMUZUKO WA KRISTO



Icyigisho cya 8 cyo ku wa 22 Kanama 2026


“Kandi niba Kristo atazutse ibyo tubwiriza ni iby’ubusa, no kwizera kwanyu kuba kubaye uk’ubusa. . . . kandi niba Kristo atazutse kwizera kwanyu ntikugira umumaro, ahubwo muracyari mu byaha byanyu!” (1 Abakorinto 15:14-17)



Dukurikije ubucurabwenge bw'Abagiriki—bushingiye ku nyigisho za Pulato—umubiri, ahanini ukaba mubi, ni gereza y'ubugingo budapfa. Dukurikije iki gitekerezo, ni iki kuzuka k'umubiri byari bivuze ku Bagiriki cyangwa Abaroma?



Kubera iyo mpamvu, igice kimwe cy'itorero ry'i Korinto cyanze kwemera ko umuzuko ubaho. Pawulo avuga kuri iki kibazo mu gice cya cumi na gatanu cy'urwandiko rwe rwa mbere yandikiye Abakorinto.

Ibi si ibintu byoroshye. Umuzuko ufitanye isano ya bugufi n'agakiza. Niba hatariho umuzuko ... kubwiriza ubutumwa bwiza byaba bimaze iki?

## Umuzuko wa Yesu

Ese umuzuko ni ikintu cyabayeho mu mateka?
(1 Abakorinto 15:1–11)

## Ingaruka z'umuzuko wa Yesu

Byajyaga kuba bite iyo Kristo atazuka mu bapfuye?
(1 Abakorinto 15:12–19)

Ni iki kitwiringiza umuzuko?
(1 Abakorinto 15:20–34)

## Umuzuko wacu


Tuzazuka dufite umubiri ki?
(1 Abakorinto 15:35–49)

Tuzazurwa ryari?
(1 Abakorinto 15:50–58)

# UMUZUKO

# WA

# YESU



# ESE UMUZUKO NI IKINTU CYABAYEHO MU MATEKA?

"Muzi ko nabanje kubaha ibyo nanjye nahawe kumenya, yuko Kristo yapfiriye ibyaha byacu nk'uko byari byaranditswe, agahambwa akazuka ku munsi wa gatatu nk'uko byari byaranditswe na none" (1 Abakorinto 15:3–4)

Mbere y'uko Pawulo avuga ku gushidikanya kw'Abakorinto kuby'umuzuko, yabibukije uburyo ubutumwa bwiza bukora (1 Abakorinto 15:1–2):

Burabwi-rizwa → Burākīrwa → Umuntu abushikamamo → Agakiza karaboneka



Kandi ubutumwa bwiza bubwirizwa ni ubuhe? (1 Abakorinto15:3–4)

Kristo yapfiriye ibyaha byacu → Kristo yarahambwe → Kristo yazutse ku munsi wa gatatu




Kandi se tuzi dute ko umuzuko ari ikintu cyabayeho mu mateka? Ni nde wabonye Yesu wazutse? (1 Abakorinto 15:5–8)


Petero n'abandi bo muri 12 → Benedata barenga 500 → Yakobo n'intumwa → Pawulo "w'icyenda"



Pawulo asobanura neza ko ubutumwa bwiza ari umurimo w'Imana ukorwa "nk'uko Ibyanditswe Byera bivuga." Ni ukuvuga ko ari gahunda yagenwe mbere y'igihe, aho umuzuko ufite umwanya w'ingenzi. Ese hari ufite gushidikanya? Nabaze abahamya bari bakiriho icyo gihe!

# INGARUKA Z'UMUZUKO WA YESU







# BYAJYAGA KUBA BITE IYO KRISTO ATAZUKA MU BAPFUYE?

"kandi niba Kristo atazutse ibyo tubwiriza ni iby'ubusa, no kwizera kwanyu kuba kubaye uk'ubusa." (1 Abakorinto 15:14)



Guhakana ukubaho k'umuzuko bitera urujijo mu myizerere ya Gikristo, kuko "niba nta muzuko w'abapfuye uzabaho, Kristo na We yaba atarazutse" (1 Abakorinto 15:12–13). Kandi niba Yesu atarazutse ...

- Kubwiriza ubutumwa bwiza byaba ari ubusa [ntacyo byaba bivuze] (1 Abakorinto 15:14a)
- Kwizera kwacu kwaba ari uk'ubusa [ntacyo kuvuze] (1 Kor. 15:14b) [imburamumaro] (1 Kor. 15:17a)
- Twaba turi abahamya b'ikinyoma (1 Abakorinto 15:15)
- Twaba tukiri mu byaha byacu (1 Abakorinto 15:17b)
- Abapfuye ntibazigera bazuka (1 Abakorinto 15:18)



Hatabayeho kuzuka, Yesu yaba ari umukiranutsi wishwe nta mpamvu, ariko udashobora gukiza. "Ariko noneho Kristo yarazutse" (1 Abakorinto 15:20a). Dufite Umukiza MUZIMA.

Kubw'iyo mpamvu, ubutumwa bwiza bufite ishingiro; ni na ko ukwizera kwacu gufite ishingiro; turi abahamya b'ukuri; ibyaha byacu byarababariwe; kandi abapfiriye muri Kristo bazongera kubaho.



# NI IKI KITWIRINGIZA UMUZUKO?

*"Ariko noneho Kristo yarazutse, ni we muganura w'abasinziriye"* (1 Abakorinto 15:20)



Ikintu cya mbere duhamirizwa no kuzuka kwa Yesu nuko abo muri twe twemeye Inama y'Agakiza—uhereye kuri Adamu kugeza ku iherezo ry'isi—nidupfa, tuzongera kubaho (1 Abakorinto 15:20–23).



Bizagenda bite tumaze kuzuka? Yesu azaba anesheje urupfu burundu, bityo azaba amaze kunesha abanzi Be bose (1 Abakorinto 15:25–26). Hanyuma, Yesu azegurira byose Data, kugira ngo "Imana ibe byose kuri bose" (1 Abakorinto 15:24, 28).

Ikigeretse kuri ibyo twiringizwa by'ahazaza, Pawulo atwereka ibindi byiringirwa bibiri bigira ingaruka ku mibereho yacu ya buri munsi:



1 Abakorinto 15:30–32

Ni ngombwa kubwiriza ubutumwa bwiza, nubwo byaba birimo imibabaro cyangwa akaga.



1 Abakorinto 15:33–34

Ni ngombwa kubaho imibereho ijyanye n'amahame ya Bibiliya.

# UMUZUKO WACU



# TUZAZUKA DUFITE UMUBIRI KI?

"No kuzuka kw'abapfuye ni ko kuri: umubiri ubibwa ari uwo kubora ukazazurwa ari uwo kutazabora."
(1 Abakorinto 15:42)

**Ibigereranyo by'umubiri wazutse :**

## Imibiri y'ibimera (1 Abakorinto 15:35–38)

Imbuto irabibwa



Impeke zirasarurwa



Imana iha buri kimera umubiri ishaka.



## Imibiri yo muri ubu buzima (1 Abakorinto 15:39)

Imibiri y'abantu



Imibiri y'inyamaswa



Umubiri w'ifi



Umubiri w'inyoni



## Imibiri yo mu Ijuru (1 Abakorinto 15:40–41)

Ubwiza bw'izuba



Ubwiza bw'ukwezi



Ubwiza bw'inyenyeri



Buri cyose, mu bwiza bwacyo (kurabagirana)




# TUZAZUKA DUFITE UMUBIRI KI?

"No kuzuka kw'abapfuye ni ko kuri: umubiri ubibwa ari uwo kubora ukazazurwa ari uwo kutazabora."
(1 Abakorinto 15:42)

Ni irihe tandukaniro riri hagati y'umubiri wa none n'uwazutse?
(1 Abakorinto 15:42–44)

| Umubiri wa none | Umubiri wazutse |
| --- | --- |
| Kubora | Kutabora |
| Igisuzuguriro | Ubwiza |
| Kutagira intege | Kugira imbaraga |
| Uwa kavukire | Uw'umwuka |







Adamu yari afite umubiri wo mu isi, Adamu wa kabiri [Yesu], uwo mu ijuru. Mu kuzuka, imibiri yacu izahinduka nk'umubiri wa Kristo, ni ukuvuga: utabora, ufite ubwiza, ufite imbaraga, uw'umwuka, kandi wo mu ijuru (1 Abakorinto 15:45–49).

# TUZAZURWA RYARI?

"Dore mbamenere ibanga: ntituzasinzira twese, ahubwo twese tuzahindurwa—." (1 Abakorinto 15:51)



Mbere y'uko Pawulo avuga igihe cy'umuzuko n'ibizaba ku mibiri yacu muri icyo gihe, avuga ko "abafite umubiri n'amaraso bisa batabasha kuragwa ubwami bw'Imana" (1 Abakorinto 15:50). Ese ibi bivuze ko nyuma yo kuzuka tutazagira umubiri ufatika?

Imvugo ngo "umubiri n'amaraso" ikoreshwa buri gihe nk'ijambo rifitanye isano n'"umuntu" (Matayo 16:17; Abagalatiya 1:16; Abefeso 6:12; Abaheburayo 2:14). Aha, Pawulo akora ikigereranyo: abatuye Isi = kubora; abatuye Ijuru = kutabora. Hano dufite umubiri ubora, bityo, ntidushobora kuwujyana mu Ijuru.



Ku munsi wo Kugaruka kwa Yesu, umubiri ubora uzahinduka umubiri utabora, nk'umubiri Yesu yazukanye (1 Abakorinto 15:51–55; Luka 24:36–40).

Ku basinziriye muri Yesu, bizaba nk'aho hashize akanya nk'ako guhumbya. Ni nk'aho hashize isegonda imwe bumvise gufatwa n'ubukonje bw'urupfu, nuko [bazutse] bakaba bari kubona Yesu aje (1 Abakorinto 15:52).





E.G. White, *The Faith I Live By*, June 23

"Umuzuko wa Yesu wabaye umuganura w'umuzuko uheruka w'abasinziriye muri We bose. Umubiri w'Umukiza wazutse, ibigaragara yamenyerwagaho, n'imivugire Ye, byose byari bimenyerewe n'abamukurikiye. Ni mu buryo nk'ubwo abasinziriye muri Yesu bazazuka. Tuzamenya inshuti zacu nk'uko abigishwa bamenye Yesu. Nubwo bashobora kuba bari baramugaye, bararwaye, cyangwa barangiritse muri ubu buzima bupfa, ariko mu mubiri wabo wazutse kandi ufite ubwiza, umwirondoro wabo bwite uzabungabungwa neza, kandi mu kureba mu maso habo harabagirana umucyo uva mu maso ha Yesu, tuzibuka imiterere y'abo dukunda."